**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA NYAMASHEKE**

**Ref N⁰ ..1184.../03.07/2020**

## ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamasheke buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko Akarere gashaka gutanga akazi mu rwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO), kugira ngo umuntu yemererwe kuba umwe mu bagize DASSO agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba agejeje nibura imyaka 18 y'amavuko kandi atarengeje 35, ku bantu bafite ubumenyi bwihariye mu by'umutekano iyi myaka ishobora kongerwa iyo bikenewe.
3. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire (agaragaza icyangombwa gitangwa n'Ubuyobozi bw'ibanze)
4. Kuba atarigeze akatirwa igifungo kirenze amezi atandatu (6)
5. Kuba afite nibura impamyabumenyi y'amashuri atandatu yisumbuye ($A_2$), icyakora uwarangije amashuri atatu yisumbuye ($S_3$) kandi afite ubumenyi bwihariye mu bijyanye no gucunga umutekano nawe aremerewe.
6. Kuba afite ubuzima buzira umuze n'intege zibashije imirimo ya DASSO byemezwa n'inyandiko za muganga wemewe na Leta
7. Kuba atarigeze yirukanwa burundu mu kazi cyangwa ngo asezererwe nta mpaka mu murimo uwo ariwo wose wa Leta
8. Kuba yatsinze ibizamini byo kwinjizwa mu kazi k'urwego rwa DASSO.
9. Kuba afite icyemezo cyihariye kigaragaza ko yakoze neza imirimo ijya gusa nk'iya DASSO mu Rwanda byaba ari akarusho.

**Inyandiko zisaba akazi zigomba kuba zigizwe na:**

1. Ifishi isabirwaho akazi yujuje neza, iboneka ku rubuga rwa Komisiyo y'abakozi ba Leta.
2. Fotokopi y'impamyabumenyi itariho umukono wa Noteri
3. Fotokopi y'indangamuntu cyangwa pasiporo (Passport)
4. Icyemezo kigaragaza ko afite ubuzima buzira umuze gitangwa na muganga wemewe na Leta
5. Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umurenge
6. Icyemezo kigaragaza impamvu yasezerewe mu nzego z'umutekano (kubigeze kuzikoramo.)

Inyandiko zisaba akazi zizatangwa mu bunyamabanga Rusange bw'Akarere ka Nyamasheke kuva kuwa 09/11/2020 kugeza kuwa 13/11/2020 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).

Bikorewe i Nyamasheke kuwa 06/11/2020

AKARERE KA NYAMASHEKE

**MUKAMASABO Appolonie**
Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke

Toll Free : 4138 Website : www.nyamasheke.gov.rw Email : nyamashekedistrict@nyamasheke.gov.rw @Nyamasheke
nyamasheke.district nyamashekedistrict : 0788310301 / 0788310275 Po.Box : 72 Nyamasheke